**UWERA M. Laetitia**
**MIJESCAFOP**
**CAMPS DE SOLIDARITE**

**Kigali, kuwa 14.04.1999**

A traiter par ...............
Date entrée : 14/4/98
N° Classement : 371/21

*Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko muri*
*MIJESCAFOP*

***Impamvu :*** *gusaba agahimbazamusyi*

*Bwana Muyobozi,*

*Mbandikiye ngirango nsabe agahimbazamusyi k'amasaha y'inyongera nakoze (heures supplémentaires).*

*Nk'uko mubizi, natangiye gukora amasaha y'inyongera mu ntangiriro z'ukwezi kwa gatandatu mu mwaka ushize kugeza ubu, nkayakora buri munsi ntaha nyuma ya saa moya z'ijoro, ubundi ngakora kuwa gatandatu no ku cyumweru kandi nabwo hakaba igihe ngejeje saa moya za nimugoroba. Ayo masaha y'inyongera yose nayakoragamo akazi ka Secrétariat na dactylographie kandi iyo mirimo isanzwe ifite abakozi bayihemberwa mu mushinga w'ingando. Murabizi rero ko nta na rimwe nigeze mpabwa agahimbazamusyi k'ayo masaha kandi mubizi ko bivuna. Nkaba nagirango mumfashe kubona ako gahimbazamusyi kuko mbona ngakwiye.*

*Nkurikije « Droit Social » narabaze nsanga ako gahimbazamusyi kagera ku bihumbi magana atatu y'amafaranga y'u Rwanda (300.000 Frw). Nari narandikiye Umuhuzabikorwa w'Umushinga w'Ingando musaba ako gahimbazamusyi hamwe na « prime d'encouragement », yandikira Umucungamutungo amusaba kumbarira iyo « Prime d'encouragement » ariko na n'ubu ntayo ndabona. Nkaba ngirango rero mumfashe gukemura icyo kibazo.*

*Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu cyiza, mbaye mbashimiye.*

**UWERA M. Laetitia**
**Comptable mu mushinga w'Ingando**
**z'Ubufatanye**

14.04.99

***Bimenyeshejwe :***
*Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP*